

rikoreshwa mu mwanya w'itegeko rusange, keretse iyo itegeko ribiteganya ukundi.

general law, unless the law provides otherwise.

générale, sauf si la loi en dispose autrement.

Ingingo ya 6: Kudahana kabiri icyaha kimwe

Nta muntu ushobora guhanirwa kabiri icyaha kimwe.

Article 6: Prohibition of double jeopardy

A person shall not be punished twice for the same offence.

Article 6: Interdiction de la double incrimination

Nul ne peut être puni deux fois du chef de la même infraction.

UMUTWE WA II: IMIKORESHEREZE Y'ITEGEKO RIHANA

CHAPTER II: APPLICATION OF A CRIMINAL LAW

CHAPITRE II: APPLICATION D'UNE LOI PENALE

Ingingo ya 7: Igihe itegeko rireka gukurikizwa

Itegeko rireka gukurikizwa ku byaha byakozwe rikiriho iyo ryavuyeho urubanza rw'ibyo byaha rutaracibwa burundu, keretse iyo itegeko rishya ribiteganya ukundi.

Article 7: When the law ceases to be applicable

The law ceases to be applicable to offences committed during its validity when it is repealed before the handing down of the final judgment in relation to such offences, unless the new law provides otherwise.

Article 7: Cessation d'application d'une loi

La loi cesse d'être applicable aux infractions commises pendant sa validité, si elle est abrogée avant que le jugement sur ces infractions soit définitif, à moins que la loi nouvelle n'en dispose autrement.

Ingingo ya 8: Impurirane y'amategeko abiri ahana

Mu gihe hari amategeko abiri ahana, rimwe ryariho mu gihe icyaha cyakorwaga, irindi ryatangajwe kuva icyaha gikozwe, ariko urubanza rutaracibwa burundu, itegeko rishya ni ryo ryonyine rigomba gukurikizwa iyo riteganya igihano cyoroheje.

Article 8: Conflict of two criminal laws

In case of conflict of two criminal laws including the old one under which the offence was committed and the new one enacted after the offence was committed but before the final judgment is delivered, the new law shall be applied, if it provides for a lesser penalty.

Article 8: Concours de deux lois pénales

En cas de concours de deux lois pénales, l'une sous l'empire de laquelle l'infraction a été commise et l'autre publiée après que l'infraction soit commise mais avant qu'un jugement définitif ait été rendu, la loi nouvelle est la seule à appliquer si elle prévoit une peine moins sévère.

Ingingo ya 9: Ihanwa ry'icyaha gikorewe mu ifasi y'u Rwanda

Icyaha cyose gikorewe mu ifasi y'u Rwanda cyakorwa n'Umunyarwanda cyangwa n'umunyamahanga gihanishwa itegeko ry'u Rwanda, keretse abafite ubudahungabanywa bwemejwe n'amasezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu cyangwa umuco amahanga yose ahuriyeho.

Ingingo ya 10: Ifasi y'u Rwanda

Ifasi y'u Rwanda ni ubusesure bw'ubutaka, inzuzi, ibiyaga, ikirere bya Repubulika y'u Rwanda kugeza ku mbibi zayo na za ambasade z'u Rwanda mu bindi bihugu.

Ingingo ya 11: Icyaha gikorewe mu ifasi y'u Rwanda

Icyaha cyitwa ko cyakorewe mu ifasi y'u Rwanda, iyo nibura igikorwa kimwe mu bigize icyo cyaha ari byo kuba cyagambiriwe, cyashyizwe mu bikorwa kandi gihanwa n'amategeko cyakorewe mu Rwanda.

Icyaha cyitwa kandi ko cyakorewe mu ifasi y'u Rwanda iyo cyakozwe n'umunyarwanda

Article 9: Punishment of an offence committed on the Rwandan territory

Any offence committed on the Rwandan territory by either a Rwandan or a foreigner shall be punished by the Rwandan Law, except in cases of diplomatic immunity guaranteed by international conventions ratified by Rwanda or international customs.

Article 10: Rwandan territory

The Rwandan territory refers to the land, rivers, lakes and air space within the boundaries of the Republic of Rwanda and Rwandan Embassies in other countries.

Article 11: Offence committed on the Rwandan territory

An offence shall be deemed to have been committed on the Rwandan territory if an act satisfies one of its constituent elements namely the mens rea, actus reus and legal element was accomplished in Rwanda.

An offence shall also be deemed to have been committed on the Rwandan territory if it is

Article 9: Répression d'une infraction commise sur le territoire rwandais

Toute infraction commise sur le territoire rwandais par un rwandais ou un étranger est punie conformément à la loi nationale, sous réserve de l'immunité diplomatique consacrée par les conventions internationales ratifiées par le Rwanda ou les usages internationaux.

Article 10: Territoire rwandais

Le territoire rwandais s'entend de l'espace terrestre, fluvial, lacustre, aérien, compris dans les limites des frontières de la République du Rwanda et les ambassades du Rwanda dans d'autres pays.

Article 11: Infraction commise sur le territoire rwandais

Une infraction est réputée commise sur le territoire rwandais lorsqu'au moins l'un des actes caractérisant un de ses éléments constitutifs que sont l'élément moral, l'élément matériel et l'élément légal a été accompli au Rwanda.

Une infraction est également réputée commise sur le territoire rwandais lorsqu'elle

cyangwa cyakorewe umunyarwanda, gikorewe ahantu hatagira igihugu kihategeka cyangwa gikozwe n'umuntu uwo ari we wese uri mu bwato bw'u Rwanda kandi buri mu mazi atagira igihugu kiyategeka cyangwa uri mu ndege ifite icyapa cy'u Rwanda, iyo iri mu ifasi itagira igihugu kiyitegeka.

Ingingo ya 12: Ihanwa ry'icyitso ku cyaha cyakorewe mu mahanga

Umuntu uwo ari we wese, uri mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda wabaye icyitso ku cyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye cyakorewe mu mahanga, ashobora gukurikiranwa no kuburanishwa n'inkiko z'u Rwanda, iyo icyo gikorwa gihanwa n'itegeko ry'amahanga n'itegeko ry'u Rwanda.

Ingingo ya 13: Ihanwa ry'Umunyarwanda wakoreye icyaha hanze y'ifasi y'u Rwanda

Umunyarwanda wakoreye icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye ahatari mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda ashobora gukurikiranwa no gucibwa urubanza n'inkiko z'u Rwanda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda nk'aho icyo cyaha cyakorewe mu Rwanda mu gihe icyo cyaha gihanwa

committed by or against a Rwandan citizen in an area which does not fall under the sovereignty of any State or committed by any person on board a vessel flying the flag of Rwanda and in waters which do not fall under the sovereignty of any State or on board a Rwanda-registered aircraft in the territory which is not under the sovereignty of any State.

Article 12: Punishment of an accomplice of an offence committed abroad

Any person, within the Rwandan territory, who is an accomplice of a felony or misdemeanour committed abroad, may be prosecuted and tried by the Rwandan courts if the act is punishable by both foreign and Rwandan Law.

Article 13: Punishment of a Rwandan who has committed an offence outside Rwandan territory

A Rwandan who commits a felony or a misdemeanour, outside Rwandan territory, may be prosecuted and tried by Rwandan courts in accordance with the Rwandan Law as if the offence had been committed on the Rwandan territory if such an offence is punishable by Rwandan Law.

est perpétrée par ou contre un citoyen rwandais dans un lieu non soumis à la souveraineté d'un Etat, ou commise par toute personne soit à bord d'un bateau battant pavillon rwandais et se trouvant dans des eaux non soumises à la souveraineté d'un Etat, soit à bord d'un aéronef immatriculé au Rwanda, s'il se trouve sur des territoires non soumis à la souveraineté d'un Etat.

Article 12: Répression d'un complice d'une infraction commise à l'étranger

Toute personne qui, sur le territoire de la République du Rwanda, s'est rendue complice d'un crime ou d'un délit commis à l'étranger, peut être poursuivie et jugée par les juridictions rwandaises si le fait est puni à la fois par la loi étrangère et par la loi rwandaise.

Article 13: Répression d'un rwandais ayant commis une infraction hors du territoire rwandais

Un rwandais qui, hors du territoire de la République du Rwanda, s'est rendu coupable d'un crime ou d'un délit, peut être poursuivi et jugé par les juridictions rwandaises d'après les dispositions de la loi rwandaise comme si l'infraction avait été commise au Rwanda lorsque celle-ci est punie par la loi

n'itegeko ry'u Rwanda.

rwandaise.

Ingingo ya 14: Isuzumwa ry'ubwenegihugu nyarwanda

Article 14: Assessment of Rwandan nationality

Article 14: Appréciation de la nationalité rwandaise

Umunyarwanda uvugwa mu ngingo ya 9, iya 11 n'ya 13 z'iri Tegeko Ngenga ni uwari ufite ubwenegihugu nyarwanda igihe icyaha cyakorwaga.

The Rwandan referred to under Articles 9, 11 and 13 of this Organic Law is the one who had a Rwandan nationality at the time of the commission of the offence.

Le rwandais visé aux articles 9, 11 et 13 de la présente loi organique est celui qui avait la nationalité rwandaise au moment de la commission de l'infraction.

Ingingo ya 15: Icyaha mpuzamahanga n'icyaha cyambuka imbibi

Article 15: International crime and cross-border crime

Article 15: Crime à caractère international et crime à caractère transfrontalier

Muri iri tegeko ngenga:

For the purposes of this Organic Law:

Au sens de la présente loi organique :

Icyitwa icyaha cyo mu rwego mpuzamahanga ni icyaha giteganywa gutyo n'Amasezerano Mpuzamahanga.

An international crime means any crime characterized as such by International Conventions.

Un crime à caractère international est une infraction qualifiée comme telle par les Conventions Internationales.

Icyaha cyitwa ko cyambuka imbibi iyo kimwe mu bikorwa bikigize gikorewe hanze y'imipaka y'u Rwanda.

A cross- border crime means a crime for which one of its constituent elements is accomplished outside Rwanda's borders.

Un crime à caractère transfrontalier est une infraction dont l'un de ses éléments constitutifs est accompli au-delà des frontières du Rwanda.

Ingingo ya 16: Ihanwa ry'icyaha mpuzamahanga n'icyaha cyambuka imbibi

Article 16: Punishment of an international crime and cross- border crime

Article 16: Répression d'un crime à caractère international et d'un crime à caractère transfrontalier

Umuntu wese, yaba Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, imiryango cyangwa amashyirahamwe bitari ibya Leta

Any person, whether Rwandan or foreigner, a Rwandan or foreign non-governmental organization or association, that commits,

Toute personne, qu'elle soit rwandaise ou étrangère, une organisation ou une association non gouvernementale nationale

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

byo mu Rwanda cyangwa mu mahanga, ukoreye mu ifasi y'u Rwanda cyangwa mu mahanga ibyaha byo mu rwego mpuzamahanga cyangwa byambuka imbibi ashobora, iyo afatiwe mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda, gukurikiranwa no gucirwa urubanza n'inkiko z'u Rwanda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda nk'aho kimwe mu byaha bikurikira cyaba cyarakorewe mu Rwanda:

1° ibyaha by'iterabwoba;

2° ibyo gufatira abantu ho ingwate;

3° ibyo kuyobya ubwato cyangwa indege;

4° ibyo gucuruza ibiyobyabwenge;

5° ibyo gucura no gucuruza intwari mu buryo butemewe n'amategeko;

6° ibyo gukoresha amafaranga akomoka ku bikorwa bitemewe n'amategeko;

7° ibyo kwiba ibinyabiziga bigacuruzwa mu mahanga;

8° iby'ikorabuhanga mu itangazabumenyi no mu itumanaho;

inside or outside the Rwandan territory, or cross-border crimes may, if apprehended on the territory of the Republic of Rwanda, be prosecuted and tried by Rwandan Courts in accordance with Rwandan laws as if any of the following crimes had been committed in Rwanda :

1° terrorism;

2° hostage-taking;

3° piracy;

4° drug trafficking;

5° illicit manufacturing and trafficking in arms;

6° money laundering;

7° cross-border theft of vehicles with the intent of selling them abroad;

8° information and communication technology related offences;

ou étrangère, qui commet sur le territoire rwandais ou étranger, des infractions qualifiées crimes à caractère international ou transfrontalier peut, si elle est arrêtée sur le territoire de la République du Rwanda, être poursuivie et jugée par les juridictions du Rwanda conformément au droit rwandais comme si l'un des crimes suivants avait été commis au Rwanda :

1° le terrorisme ;

2° la prise d'otage ;

3° la piraterie ;

4° le trafic des stupéfiants ;

5° la fabrication et le trafic illicite d'armes ;

6° le blanchiment d'argent ;

7° le vol des véhicules en vue de les vendre à l'étranger ;

8° les infractions liées aux technologies de l'information et de la communication ;

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

9° gucuruza abantu, by'umwihariko abana;	9° trafficking in human beings especially children;	9° le trafic d'êtres humains en particulier des enfants ;
10° ibyaha by'ubucakara iby'iyicarubozo;	10° slavery and torture;	10° l'esclavage et la torture ;
11° ibikorwa by'indengakamere cyangwa bitesha agaciro ubumuntu;	11° cruel, inhuman or degrading treatment;	11° les traitements cruels, inhumains ou dégradants ;
12° icyaha cya jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara;	12° genocide, crimes against humanity and war crimes;	12° le génocide, les crimes contre l'humanité et les crimes de guerre;
13° guhakana cyangwa gupfobya jenocide;	13° genocide denial or revisionism;	13° le négationnisme ou le révisionnisme du génocide ;
14° gushishikariza, guhamagarira, gutera inkunga, korohereza cyangwa kugira uruhare ku bundi buryo, haba ku buryo buziguye cyangwa butaziguye mu gukora ibyaha bivugwa muri iyi ngingo n'ibindi byaha bifitanye isano na byo.	14° encouraging, mobilizing, assisting, facilitating or participating in any other manner, whether directly or indirectly, in the commission of any of the offences specified in this Article or any other related offences.	14° l'incitation, la mobilisation, l'assistance, la facilitation ou toute autre forme de participation, soit directement ou indirectement dans la commission des crimes spécifiés dans le présent article ainsi que d'autres infractions connexes.

Ingingo ya 17: Ikurikirana ry'ibyaha by'ubugome cyangwa bikomeye byakorewe mu mahanga

Gukurikirana ibyaha by'ubugome cyangwa bikomeye byakorewe mu mahanga, ntibishobora gutangira bidasabwe n'Ubushinjacyaha cyangwa abandi bantu

Article 17: Prosecution of a felony or a misdemeanour committed abroad

The prosecution of a felony or misdemeanour committed abroad may only be instituted at the request of the Public Prosecution or any other interested persons.

Article 17: Poursuite des crimes et délits commis à l'étranger

La poursuite des crimes et délits commis à l'étranger, ne peut être intentée qu'à la requête de l'Organe National de Poursuite ou de toutes autres personnes intéressées.

babifitemo inyungu.

Nta nkurikizi yindi ibaho, iyo ushinjwa agaragaza ko mu mahanga yaciriwe urubanza rudasubirwaho, kandi yaba yatsinzwe, ko yarangije igihano cyangwa ko yababariwe.

Ingingo ya 18: Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo

Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo bigengwa n'itegeko ry'u Rwanda cyangwa amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu.

Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo byemerwa gusa iyo igikorwa gituma bisabwa cyagizwe icyaha n'itegeko ry'u Rwanda n'iry'amahanga.

Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo bikorwa iyo hari amasezerano yo kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo yashyizweho umukono hagati y'u Rwanda n'igihugu gisaba iryo yoherezwa.

Kohereza uwakoze icyaha mu gihugu yagikoreyemo ntibyemerwa ku byaha bya politiki cyangwa bisabiwe impamvu za politiki.

Prosecution may not be instituted if the accused proves that he/she has been the subject of a final judgment delivered abroad and, in the event of conviction, that he/she served his/her sentence or was granted a pardon.

Article 18: Extradition

Extradition shall be governed by the Rwandan law or by international conventions ratified by Rwanda.

Extradition shall be permitted only when the act giving rise to the request is considered as a crime by the Rwandan and foreign Law.

Extradition shall be permitted if there is a convention on extradition concluded between Rwanda and the country requesting extradition.

Extradition shall not be granted for political offences or if it is requested on political grounds.

Aucune poursuite ne peut avoir lieu, si l'inculpé justifie qu'il a été jugé définitivement à l'étranger, et, en cas de condamnation, qu'il a purgé sa peine ou a obtenu la grâce.

Article 18: Extradition

L'extradition est régie par la loi rwandaise ou par les conventions internationales ratifiées par le Rwanda.

L'extradition n'est admise que si l'acte donnant lieu à la demande est érigé en infraction par la loi rwandaise et par la loi étrangère.

L'extradition est accordée lorsqu'il existe une convention relative à l'extradition signée entre le Rwanda et le pays qui demande l'extradition.

L'extradition n'est pas accordée pour les infractions à caractère politique ou si elle est demandée à des fins politiques.